



**Our Health
Our Future**

Ref. RSSB 109/20

ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMURYANGO N'ABAFATANYABIKORWA BA RSSB

Hashingiwe ku itangazo rya Minisitiri w'intebe ryo ku wa 26/08/2020 rimenyesha ingamba zo kurwanya ikwirakwiza rya Korona virus COVID-19), ubuyobozi bukuru bw'ikigo RSSB buramenyesha abanyamuryango n'abafatanyabikorwa bacyo ibi bikurikira:

- Inyandiko zose zandikiwe RSSB zinyuzwa kuri info@rssb.rw uretse izishyuzwa, dosiye nshya zisaba amafaranga ya pansiyu, ay'ibyago bikomoka ku kazi n'agenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara zizakomeza gutangwa mu buryo bwari busanzwe;
- Imenyekanisha ry'imisanzu yose rikorwa hakoreshejwe ikoranabuhanga binyujijwe ku rubuga rw'ikigo cy'imisoro n'amahoro www.rra.gov.rw;
- Kwandikisha abakozi bikorwa hifashishijwe ikoranabuhanga binyuze ku rubuga www.rssb.rw. Ku bakozi b'abanyamahanga umukoresha asabwa kohereza imyirondoro yabo kuri info@rssb.rw;
- Abakoresha basaba icyemezo ko nta mwenda babereyemo RSSB bisabwa hakoreshejwe ikoranabuhanga banyuze ku rubuga www.rra.gov.rw. Ushaka ibindi bisobanuro wahamagara 0788 76 93 12/0788 53 30 22;
- Kureba imisanzu y'ubwiteganyirize na nimero y'umukozi bikorwa hakoreshejwe ikoranabuhanga unyuze ku rubuga www.rssb.rw cyangwa ukatwandikira kuri info@rssb.rw;
- Kwandikisha umukozi mushya ku kigo gisanzwe mu bwishingizi bw'indwara bwa RSSB ndetse no kwandikisha abakozi n'abo bishingira muri ubu bwishingizi bw'indwara ku bigo bishya byoherezwa kuri info@rssb.rw. Ukeneye ibisobanuro wahamagara 0788408404/ 0788213118;
- Umunyamuryango mu ishami ry'ubwishingizi bw'indwara n'abo yishingira bivuzwa bakoresheje indangamuntu cg bakerekana nimero y'ubwishingizi y'umunyamuryango. Kubana bafite imyaka 21 kuzamura bagomba no kwereka ikarita y'ishuri, amakarita ya 2019/2020 azakomeza gukoreshwa kugera ku wa 31/12/2020. Ukeneye ibisobanuro wahamagara 0788769312/ 0788213118/ 0788408404;
- Umwana w'uruhinja hakoreshwa icyemezo cy'amavuko gitangwa no kwa muganga kugeza agize amezi 6 igihe akeneye ibikorwa by'ubuvuzi; nyuma yayo mezi umwana agomba kuba yarandikishijwe mu bwishingizi;
- Ku mavuriro; ibikorwa by'ubuvuzi bisabirwa uburenganzira mbere y'uko bihabwa abanyamuryango, urupapuro rusaba icyo gikorwa cy'ubuvuzi (request form) na nimero

RA



**Our Health
Our Future**

- y'ubwishingizi bw'umunyamuryango byoherezwa kuri WhatsApp; telefoni 0788303780 (si ngombwa ko umurwayi aza ku biro bya RSSB);
- Kuri za farumasi; imiti isabirwa uburenganzira mbere y'uko ihabwa abanyamuryango, Farumasi yohereza urupapuro rugaragaza imiti umunyamuryango yandikiwe (prescription) na nimeru y'ubwishingizi by'umunyamuryango kuri WhatsApp; telefoni 0788222986 (si ngombwa ko umurwayi aza ku biro bya RSSB);
 - Ku banyamuryango ba Mituweli icyangombwa cyajyaga kiva mu Kagari kugirango abana batarafata indangamuntu bahabwe amakarita ntikikiri ngombwa, herekanwa icyemezo cy'amavuko cyo kwa muganga kugirango umwana ahabwe ikarita;
 - icyemezo cy'amavuko gitangwa n'ivuriro cyajyaga kimara amezi atatu (3) umwana ahabwa ibikorwa by'ubuvuzi kuva avutse kizajya kimara amezi atandatu (6);
 - Kwishyura umusanzu wa Mutuelle bikorwa hifashishijwe ikoranabuhanga (SACCOs, Irembo na Mobicash);
 - Kwiyandikisha cyangwa kwizigamira muri EjoHeza bikorwa hifashishijwe telefoni ukanda *506# ugakurikiza amabwiriza. Kwandikisha umwana uri muni y'inyaka 16 bikorwa unyuzwe ku rubuga www.ejoheza.gov.rw . Ukeneye ibisobanuro wahamagara umurongo utishyurwa 5006 cg 0788309342/0788443662/0788962538;

RSSB irakungurira abanyamuryango n'abafatanyabikorwa bayo gukoresha uburyo bwavuze haruguru mu rwego rwo kubohereza kubona servisi ndetse hanirindwa ikwirakwiza rya COVID-19.

Ku bindi bisobanuro mwahamagara ku murongo utishyurwa 4044 cg 5006 (EjoHeza) mu minsi y'akazi kuva saa moya (7:00am) kugera saa kumi (4:00pm) no kuva saa mbiri (8:00am) kugera saa kumi (4:00pm) ku wa gatandatu no ku cyumweru, cyangwa mukatwandikira kuri info@rssb.rw.

Bikorewe i Kigali ku wa...08/09/2020


Regis RUGEMANSHURO
Umuyobozi Mukuru

